**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA KARONGI**

**ITANGAZO N°................ /.............**

**GUHAMAGARIRA ABABISHOBOYE GUSABA GUKORESHA IBAGIRO RY'INGURUBE RYA BWISHYURA RIHEREREYE MU KAGARI KA GASURA**

Ubuyobozi bw'Akarere ka **KARONGI** buramenyesha abantu bose bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa ko karimo gushaka gutanga isoko ryo gucunga no gukoresha ibagiro ry'ingurube *(Small size Pig Slaughter House)* riherereye mu Murenge wa **BWISHYURA** Akagari ka **GASURA** Umudugudu wa **GAFURUGUTO** ; ryubatswe ku bufatanye bw'Akarere ka KARONGI n'Umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi n'isoko ry'ibiyakomokaho (PRISM).

Mu rwego rw'ubufatanye bw'abikorera na Leta (Public Private Partnership), Ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi burifuza kwegurira by'agateganyo imirimo yo gucunga no gukoresha iri ibagiro ry'ingurube ba Rwiyemezamirimo (Koperative y'aborozi cyangwa ababazi na Sosiyete) babishaka kandi babifitiye ubushobozi.

## I. Abemerewe gusaba gucunga no gukoresha ibagiro ry'ingurube rya BWISHYURA:

1. Societe z'ubucuruzi zifite icyangombwa cyo gucuruza inyama n'ibindi bifitanye isano isanzwe ikorera mu karere ka Karongi;
2. Koperative ifite icyangombwa gitangwa na RCA.

## II. Ibigize dosiye y'usaba kwemererwa gukoresha ibagiro ry'ingurube rya BWISHYURA:

1. Ibaruwa yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere, isaba kwemererwa gucunga no gukoresha ibagiro rito ry'ingurube ryavuzwe haruguru;
2. Kugaragaza icyangombwa cy'ubuzimagatozi gitangwa na RCA kuri koperative cyangwa icyemezo cy'iyandikisha rya sosiyete gitangwa na RDB kuri Kompanyi;
3. Kugaragaza impamyabushobozi ($A_0$, $A_1$ cyangwa $A_2$) mu ishami ry'ubuvuzi bw'amatungo/ ubworozi (Veterinary Medecine or Animal production) iriho umukono wa noteri y'umukozi uzacunga ibagiro kinyamwuga (Pig Slaughter House Manager);
4. Kugaragaza Icyemezo (licence) cyerekana ko umukozi wavuzwe hejuru (Pig Slaughter House Manager) yiyandikishije mu rugaga rw'abaganga b'amatungo (Rwanda council of Veterinary Doctors);
5. Kwemera gushaka icyangombwa mu kigo cya RICA ku mukozi uzajya upima ubuziranenge bw'inyama z'ingurube zabazwe;

CamScanner

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA KARONGI**

6. Kugaragaza inyandiko isobanura uburyo azabyaza ibagiro umusaruro (Project Business Plan);
7. Kugaragaza igiciro cya servise yo kubaga azajya yaka ku ngurube yabagiwe mu ibagiro hatabariwemo imisoro;
8. Kugaragaza ijanisha (%) ry'amafaranga yo gukoresha ibagiro azishyura Akarere buri kwezi, ku mafaranga ya servise yakiriye;
9. Kugaragaza icyangombwa kigaragaza ko yasuye ibagiro;
10. Kuba usaba asanzwe akora umwuga ufitanye isano n'uruhererekane nyongeragaciro rw'inyama byaba ari akarusho;

## III. Igihe amasezerano azamara

Aya masezerano amara igihe kingana n'umwaka umwe uvugururwa (Framework contract) habariwemo igihe kingana n'amezi atandatu (6) y'igerageza uzasinya amasezerano yo gucunga no gukoresha ibagiro azamara atishyura ubukode bw'inyubako.

1. **Italiki yo gusura ibagiro: kuwa 17/07/2024 isaa saba z'amanywa (13:00 AM).**
2. **Italiki yo kugeza dossier isaba ku Karere (mu Bunyamabanga rusange bw'Akarere): kuwa 24/07/2024 isaa yine za mu gitondo (10:00 AM).**
3. **Gufungura mu ruhame inyandiko zisaba : 24/07/2024 saa yine n'igice za mu gitondo (11:00 AM).**

**ICYITONDERWA :**

1. Dosiye z'ipigana zizashyikirizwa Akarere zizasuzumwa n'itsinda ry'abakozi b'Akarere;
2. Uzatsindira gukoresha no gucunga iri bagiro hakurikijwe ibisabwa muri iri tangazo azagirana amasezerano y'imikoranire n'Akarere.

**Bikorewe i Karongi kuwa 25/06/2024**

**NARANGWE Celestine Liliane**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'agateganyo w'Akarere ka Karongi

CamScanner